RASTA ERIGZ ARASABA ABANYARWANDA GUSHYIGIKIRA INJYANA YA REGGAE

By **Frank Iradukunda** - May 14, 2018

Rasta Iyamuremye Eric ukoresha izina rya "Ras Erigz" muri Muzika asanga igihe kigeze kugira ngo abanyarwanda bashyigikire injyana ya Reggae, kugira ngo abanyempano babashe gutera imbere.

Ras Erigz arateganya kuzamurika Album mu mpera z'uyu mwaka

Ras Erigz n'umugabo wubatse ufite umugore n'abana, akaba amaze igihe kirekire akora injyana ya Reggae, ndetse kuri ubu yagarukanye indirimbo ebyiri(2) zo gushimisha abakunzi be.

Mu kiganiro yagiranye n'umunyamakuru wa Touchrwanda, Ras Erigz yatubwiye ko yatangiye gukora injyana ya Reggae ahagana mu mwaka wa 2003, gusa ngo yayivangaga na Rap. Kugeza magingo aya, Erigz amaze gukora indirimbo z'amajwi 12, ndetse n'izifite amashusho zigera kuri 4.

Kuri ubu, Ras Erigz yashyize hanze indirimbo ebyiri zirimo iyitwa I Miss Your Kiss yakoranye n'umuzungukazi witwa Julie, ndetse n'iyitwa Duketubona ivuga ku buzima bw'ikiremwa muntu umunsi k'umunsi.

Ras Erigz na Julie bakoranye indirimbo yitwa 'I Miss Your Kiss'



Ras Erigz yanashyize hanze indirimbo yitwa 'Duketubona' ivuga ku buzima bw'ikiremwa muntu umunsi k'umunsi

Ras Erigz yabwiye umunyamakuru wa Touchrwanda ko mu bikorwa arimo gutegura gukora mu minsi iri imbere harimo Project izatanga ibisubizo ku rubyiruko yitwa "Artist for kid" ikubiyemo ubugeni, uburezi, na Studio igomba kuzamura abahanzi. Uretse iyi Project, Erigz kandi ngo arateganya kuzamurika Umuzingo {Album} mu mpera z'uyu mwaka.

Erigz arimo gutegura Umushinga uzafasha urubyiruko

Twamubajije ku kuba aba Rasta bakunze kuvugwaho gukorana n'abakurambere maze asubiza avuga ko ayo ari amagambo y'abantu kuko ngo aba Rasta n'abantu bizera Imana, bakunda gusoma ibitabo, k'uburyo ibyo gukorana n'abakurambere abona bitapfa gushoboka.

Ras Erigz avuga ko aba Rasta batajya bakorana n'abakurambere

Ras Erigz yasoje asaba abanyarwanda kurushaho gushyigikira injyana ya Reggae, asaba urubyiruko kurushaho gukunda umurimo.

KANDA HANO UREBE ZIMWE MU NDIRIMBO ZA RAS ERIGZ

FRANK IRADUKUNDA